URWUNGE RW'AMASHURI RWIRAGIJE UMWAMIKAZI W'AFURIKA RWAHIMBAJE UMUNSI MUKURU WA BAZINA MUTAGATIFU

Tariki 09 kamena 2018 nibwo urwunge rw'Amashuri rwiragije Umamikazi w'Afurika rwo ku Nyundo rwahimbaje umunsi ngarukamwaka wa Bazina Mutagatifu. Iri shuri ryashinzwe na Mgr Aloys BIGIRUMWAMI ryita ku iterambere ry'uburere bw'umwana w'umukobwa ubu rikaba ryigamo abakobwa 646, rikaba kandi rifite icyiciro rusange n'amashami atatu (MCB ; PCM ; ELFK). Uyu munsi mukuru wabo wabimburiwe n'Igitambo cy'Ukaristiya cyayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA,Umwepiskopi wa Nyundo muri Paruwasi Katedrale ya Nyundo guhera i saa yine za mugitondo.

Mu ijambo rye Mama Clémentine GASINGIZWA,Umuyobozi w’iri Shuri yashimiye Umwepiskopi uburyo abahora hafi mu gutanga uburere kubanyeshuri. Akomeza avuga uko imyaka igenda isimburana abanyeshuri bize muri iryo shuri kugeza ubu muri za Kaminuza ziri mu Gihugu cyacu no hanze bakomeje kwiga kandi bagatsinda. Gusa yagaragaje ko abarezi bakora umurimo utoroshye ku girango ibyo byose bigerweho. Niho yakomereje ashima abarezi bafatanya akomeza no gushishikariza abanyeshuri kwigana umwete bakajya babona Buruse zibemerera gukomeza amashuri muri za Kaminuza zinyuranye kandi ko bishoboka.

Mu Ijambo rye Nyiricyubahiro Musenyeri yatangiye ashimira umuyobozi w'Ishuri GSNDA Nyundo, hamwe n'abarezi bafatanya mu murimo wo kurera. Yakomeje abwira abanyeshuli nk'uko akunda kubibibutsa iyo yabasuye ati : **«Ecxellence Oui, Effort Oui ; Facilité Non ; Visez toujour plus haut ejo hanyu ni heza».** Yakomeje ababwira ko guhimbaza buri mwaka Umwamikazi w'Afurika waragijwe ishuli ryabo byajya bibongerera kumenya agaciro kuwo Mubyeyi n'ubuzima yabayemo hano kuri iy'isi ; bityo nabo bakarushaho kurangwa n'indangagaciro koko z'umwari w'umunyarwanda kandi w'umukristu. Yakomeje abwira abarangije umwaka ushize baje kwifatanya na bagenzi babo ko ari byiza kwibuka ishuli ryabareze kandi bakarushaho kurihesha agaciro aho bari cyane mu mirimo bakora.Yashimiye kandi Nyakubahwa Musenyeri Jean marie Vianney NSENGUMUREMYI Vicaire général akaba ashinzwe n'amashuri gatolika muri Diyosezi ya Nyundo mu karere k'ubutumwa ka Gisenyi uko yitangira uburezi. Yashoje ijambo rye yongera gushimira kandi ashishikariza abarimu kwita ku murimo wabo wo kurerera Kiliziya n'Igihugu babikorana urukundo.

Padiri Jean Marie KWIZERA